Inkingi
Forces Démocratiques Unifiées
United Democratic Forces

Tel : +25078583600

Fdu.inkingi.rwa@gmail.com
www.fdu-rwanda.org – www.victoire2010.com

"Pour un Etat de Droit, la Democratie et l'Egalité de chances" ;
"For the rule of law, democracy and equal opportunity"

FDU- INKINGI
Ibiro by'umuyobozi mukuru

Raporo y'ibyakozwe n'Umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi

Taliki ya 20 Mutarama 2010

Kuli uyu wa gatatu, taliki ya 20 Mutarama 2010, Madamu Ingabire Victoire Umuhoza, Umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi n'abamuherekeje basuye ibitaro bya Gisenyi aboneraho kwibonera ubwe, mu rwego rw'ubuzima, ibibazo byugalije abanyarwanda batuye akarere ka Rubavu.

Umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi yaboneyeho umwanya wo gusura abagororwa batari bake barwaliye muli ibyo bitaro. Abenshi muri bo bari bafunzwe imyaka isaga 7 nta rubanza baracirwa kubera nta ko dossier bafite. Umwe muri abo bagororwa yabwiye intumwa za FDU-Inkingi ko afunzwe kubera ko bubatse umudugudu mu isambu ye batabimubwiye kandi nta n' inyishyu bamuhaye y'ubutaka bwe bari batwaye, agerageje kubaza bamurega ingengabitekerezo ya jenoside gacaca imukatira imyaka 15. Hari n'abiyemereraga ko icyaha bafungiwe bagikoze cyo kwica, Mme Victoire ababwire ko imyaka bakatiwe yagombye kubabera isomo ryo kumva ko nta muntu ufite uburenganzira bwo kuvutsa mugenzi we ubuzima bwe.

Madamu Ingabire igihe yasuraga umujyi wa Gisenyi, uli mu Karere ka Rubavu, yatembereye ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu yibonera ubwe ukuntu abana batashoboye gukomeza amashuli yisumbuye bigatuma ababyeyi benshi bareka abana babo bakirwanaho bakiri bato, nko gukodesha amato ku kiyaga. Bamwe muli abo bana, Madamu Ingabire Victoire yahuye nabo bamugejejeho akababaro kabo kagomba ibikorwa byihutirwa.

Umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi yiboneye n'amaso uburyo umuhanda wa Kigali-Gisenyi wononekaye kandi hakaba nta ngamba zifatwa byihutirwa kugirango uwo muhanda wagurwe cyangwa se ngo ukorwe dore ko wuzuyemo ibinogo hafi ya wose.

Urwo rugendo rero rwamuhaye isomo ly'uko mu Rwanda hali byinshi byononekaye kandi bigomba gukosorwa kugirango igihugu cyacu gikomeze inzira nyayo ikiganisha ku majyambere.

Urwo rugendo rwali rwatangiye saa tatu n'igice za mu gitondo, rwarangiye ku mugoroba kandi Umuyobozi mukuru wa FDU-Inkingi arurangiza neza.

Ntawangundi Joseph
FDU-Inkingi - Rwanda

Victoire Ingabire Umuhoza ateze amatwi umugororwa